# *137* *Duhe gushira amanga*

## (Ibyakozwe 4:29)

1. Iyo duhamya Ubwami,
   Ari wowe tuvuga,
   Hari benshi baturwanya
   Kandi bakadusebya.
   Gusa ntitubatinya,
   Tuzajya tukwiyambaza.
   Tugusabye umwuka wawe;
   Mana, turawugusabye.

(*INYIKIRIZO*)

*Duhe gushira amanga;*
*Ntituneshwe n'ubwoba.*
*Tugusabye ubutwari*
*Tubabwirize bose.*
*Imperuka iri hafi,*
*Ariko mbere yo kuza,*
*Duhe gushira amanga,*
*Mana yacu.*

2. Nubwo twagira ubwoba,
   Uzi neza ibyacu.
   Tuzi ko uzadufasha
   Ibyo turabyizeye.
   Mana ujye ureba
   Abadutoteza bose.
   Kandi uduhe imbaraga
   Maze tukuvuganire.

(*Inyikirizo*)

(Reba nanone 1 Tes 2:2; Heb 10:35.)

*snylpnw*-YW No. 137 9/14
© 2014 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania